**UBUTUMWA UMWEPISKOPI WA DIYOSEZI YA RUHENGERI YAGENEYE ABAKRISTU MU GUTANGIZA UKWEZI KUDASANZWE KWAHARIWE KUZIRIKANA KU IYOGEZABUTUMWA KU ISI HOSE**

Bavandimwe,

Ivanjili twazirikanye kuri iki Cyumweru cya 27 mu byumweru bisanzwe by'umwaka wa Liturujiya iratubwira ingufu zidasanzwe z'ukwemera. Yezu ati: "*Iyaba mwari mufite ukwemera kungana n'impeke y'ururo, mwabwiye iki giti cya boberi muti 'Randuka ujye kwitera mu nyanja', kikabumvira*" (Lk 17,6).

Ukwemera kuduhuza na Kristu tukadutera imbaraga zo kumutumikira. Umwami wacu Yezu Kristu yasigiye abe ubutumwa bwo kwamamaza hose Inkuru Nziza Ye kugera ku ndunduro y'ibihe: *"Nuko rero, nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose. Dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira*" ( Mt 28,19-20).

Mu rwego rwo gufasha abakristu b'isi yose kurushaho kongera ishyaka ryo guharanira kugeza iyo Nkuru Nziza ku batarayimenya, Nyirubutungane Papa Fransisiko yagennye ko uku kwezi k'Ukwakira 2019 kuba ukwezi kudasanzwe ko kuzirikana ku bikorwa by'Iyogezabutumwa ku isi hose. Ku rwego rwa Diyosezi yacu, ibikorwa bw'uku kwezi byatangijwe ku mugaragaro kuri iki cyumweru tariki ya 6 Ukwakira 2019 muri Paruwasi ya Rwaza yabimburiye izindi mu kwakira iyo Nkuru Nziza y'agakiza muri aka gace k'amajyaruguru y'igihugu mu mwaka w'1903. Iki gikorwa kandi cyabaye no mu maparuwasi yose agize Diyosezi kikazasozwa kuwa 10 Ugushyingo 2019.

Insanganyamatsiko Papa Fransisko yahaye uku Kwezi iragira iti: "**Batisimu itugira intumwa**". Papa arashimangira ko uwabatijwe wese ahamagariwe kwitangira Inkuru Nziza ya Yezu Kristu yihatira *gucengerwa na yo, kuyoborwa na yo no kuyigeza kuri bose*. Iyo uwabatijwe akora ubutumwa muri Kiliziya ntabwo aba afasha gusa abasaserdoti n'abihayimana nk'uko abatari bake mu balayiki babyibwira, ahubwo aba arangiza inshingano ze nk'umukristu.

Bavandimwe,

"Ntawe utanga icyo adafite". Mbere y'uko umuntu ahaguruka ukajya kwamamaza Inkuru Nziza, ni ngombwa kubanza kuyakira no gucengerwa na yo. *Gucengerwa n'Inkuru Nziza* ni wo musingi wo kubaho gikristu bityo tukabasha kwamamaza Ivanjili muri bagenzi bacu. Birumvikana rero ko kwamamaza Inkuru Nziza bidusaba kugira ukwemera gushyitse gukomoka ku mpano twahawe igihe tubatizwa.

Muri Diyosezi yacu no mu gihugu cyacu, Abapadiri Bera ni bo batumenyeshyeje Inkuru Nziza. Bemeye gushyira mu ngiro ubutumwa Yezu yahaye Kiliziya maze barahaguruka bava iwabo batuzanira iyo Nkuru Nziza. Ababyeyi bacu na bakuru bacu baremeye barabatizwa ndetse muri bo habonekamo abahungu n'abakobwa bemera guhara byose bakaba abaja n'abagaragu b'Inkuru Nziza. Ni muri urwo ruhererekane natwe yatugezeho, maze turemera turabatizwa. Muri

uku kwezi uwabatijwe wese arasabwa kuzirikana umuganda azana kugira ngo iyo Nkuru Nziza ikomeze kwamamazwa. Buri mukristu kandi arasabwa kuzirikana ku ireme ry'ubukristu n'uko yuzuza inshingano ze muri Kiliziya.

Bavandimwe,

Mwibuke ko Batisimu ari yo itwinjiza mu muryango w'abana b'Imana ariwo Kiliziya, imbaga y'abamamaza Inkuru Nziza. Bityo Batisimu ikaba itugira ingingo nzima z'uwo mubiri wa Kristu. Muri Batisimu Imana yuzuza isezerano ryayo ryo kutugira abana bayo muri Yezu Kristu. Ku bwa Batisimu uwabatijwe wese yaratowe ahinduka umwana w'Imana maze atumwa ku bavandimwe be batarakira urukundo rw'Imana. Niyo mpamvu ubutumwa bwo kwamamaza Inkuru Nziza bushingiye ku kubyarwa n'Imana na Kiliziya ku bwa Batisimu. Batisimu iduha kurenga imbibi zishingiye ku karere, igihugu no ku bwoko byacu. Niyo mpamvu ababatijwe bahamagarirwa gukunda bose no kugeza ubutumwa ku bantu bose. "*Nimujye mu isi hose, mwamamaze Inkuru Nziza mu biremwa byose*" (Mk 16, 15).

Umukristu wese ahamagarirwa guhaguruka agashyira Inkuru Nziza bagenzi be batarayimenya cyangwa bataracengerwa na yo. Hari uwakwibaza ati : "Nzahaguruka njye he ?" Kwamamaza Inkuru Nziza bikorwa ku buryo bunyuranye ariko bwuzuzanya: bamwe bahamagarirwa kwigisha Ijambo ry'Imana nk'abogezabutumwa, abandi bahamagarirwa gusenga basabira ubutumwa n'abogezabutumwa mu gihe abandi bagahamagarirwa gutanga inkunga y'ibikenewe kugira ngo abogezabutumwa bakore neza ubutumwa bwabo. Bose bahamagarirwa kugira ubuhamya batanga bunshingiye ku mibereho yabo basanisha n'Inkuru Nziza.

Bavandimwe,

Ndagira ngo mbashimire uburyo mwakiriye Ivanjili ya Kristu, uko mugira umuhate wo kuyishyira mu bikorwa n'uburyo mwitanga ku mugaragaro kugira ngo yamamare. Ndabashimira ko iyi gahunda y'iyogezabutumwa mwayumvise, mukayinjiramo kandi mukayigira iyanyu mushingiye kuri batisimu mwahawe mukaba mwaremeye koherezwa ngo mwitangire Inkuru Nziza. Ukwemera mwatojwe kandi mwakiriye kwababafashije kwinjira muri gahunda ya Diyosezi y'ikenurabushyo ryegereye abakristu, mutanga umuganda wanyu ushimishije muri gahunda yo kubaka no gushinga amaparuwasi. Ndabashimira ishyaka rikomeye mufite muri iyo gahunda.

Ukwemera kwababafashije kumva neza ko ak'imuhana kaza imvura ihise mufata iya mbere mu kubona iby'ingenzi bituma umurimo wo kwamamaza Inkuru Nziza ushoboka. Ku buryo bw'umwihariko, ndabashimira uburyo muba hafi abasaseridoti banyu mu kubafasha kubona ibya ngomwa bikeneye mu butumwa, mukababa hafi mu mirimo inyuranye ya paruwasi, mu kungurana nabo ibitekerezo n'inama mugamije kubaka ubukristu na paruwasi. Birashimisha cyane kubona amatsinda anyuranye aharanira kurangiza neza inshingano zayo mu bikorwa binyuranye. Ibyo byose mubishimirwe. Ndabashishikariza gukomeza muri uwo murongo Diyosezi yacu yiyemeje kuko uruhare rwanyu ari ndasimburwa.

Mwibuke kandi ko, kogeza Inkuru Nziza muri iyi si irangwa n'inabi n'akarengane, bidatana n'umusaraba. Mu Ijambo ry'Imana ryo kuri iki cyumweru, Pawulo Mutagatifu aributsa buri wese uko tugomba kwitwara: « Ntuzagire isoni zo kubera umwami wacu umuhamya cyangwa se ngo ugire isoni kubera njyewe ufunzwe ari we nzira, ahubwo ujye wifatanya nanjye kuruhira Inkuru Nziza, ushyigikiwe n'imbaraga z'Imana» (2 Tim1,8). « Jya wigisha ukurikije amagambo aboneye wanyumvanye, urangwe n'ukwemera n'urukundo ufitiye Kristu Yezu. Komeza rero ibyiza waragijwe, Roho mutagatifu utuye muri twe abigufashemo » (2 Tim 1,13-14).

Uwabatijwe wese yahawe Roho Mutagatifu bityo Yezu amusaba kumubera umuhamya aho ari hose. *« Ahubwo mugiye guhabwa imbaraga za Roho Mutagatifu uzabazamo, bityo muzambere abahamya* » (Intu 1,8). Kwamamaza Inkuru Nziza ni umurimo ukorwa tuyobowe na

Roho Mutagatifu ukorera muri twe. «*Dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira*" (Mt 28,20). Gukorana na Roho Mutagatifu bikaba bisaba kwiyoroshya. Nk'uko Ivanjili ibigarukaho, uwa Kristu wese ni umuja cyangwa umugaragu wa bagenzi be. « *Nimurangiza gukora icyo mwategetswe cyose, mujye muvuga muti 'turi abagaragu nk'abandi : twakoze ibyo twari dushinzwe'* » ( Lk 17,10).

Ibikorwa biteganijwe muri uku kwezi bigamije kubaka ubufatanye bw'ababatijwe twese mu kwamamaza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu ari na bwo buryo bwo kubaka Kiliziya Ye. Ndasaba buri mukristu kubigira ibye. Dore bimwe muri ibyo bikorwa muzibandaho: kuzirikana Ijambo ry'Imana rya buri munsi; kwitabira noveni yateguwe izakorerwa mu miryangoremezo no ku mashuri gatolika; kwitabira inyigisho zateguriwe amatsinda anyuranye: abana, urubyiruko, ingo z'abakristu, imiryango ya Agisiyo Gatolika, amatsinda n'amahuriro by'abakristu, kuvuga isengesho ryagenewe uku kwezi kw'Iyogezabutumwa ku isi no kwigomwa ku byo dutunze tugatanga inkunga izashyikirizwa ibiro bya Papa bishinzwe Iyogezamutumwa kugira ngo bibashe gushyigikira ibikorwa by'iyogezabutumwa muri Kiliziya zigishingwa ariko n'abataramenya Kristu bagezweho Inkuru Nziza.

Bavandimwe,

Ndangije mbifuriza umugisha w'Imana n'ingabire nyinshi muri uku kwezi kudasanzwe kwahariwe Iyogezabutumwa ku isi hose.

Mbaragije Umubyeyi wacu Bikira Mariya, Umwamikazi wa Fatima.

Bikorewe mu Ruhengeri, ku wa 06 Ukwakira 2019.

**✠Vincent HAROLIMANA**
**Umushumba wa Diyosezi ya RUHENGERI**

+ [signature]

VINCENTIUS HAROLIMANA EPISCOPUS RUHENGERIENSIS
Vidimus stellam eius